*ISO 9001:2015 CERTIFIED*

**Kigali, kuwa 29 Mata 2021**

## Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Gicurasi 2021

Mu kwezi kwa Gicurasi 2021, mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 160. Imvura iteganyijwe muri Gicurasi izaba iri kukigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa. Imvura iringaniye ariko iri hejuru gato y'imvura isanzwe igwa iteganyijwe mu minsi icumi ya mbere y'ukwezi kwa Gicurasi mu gihe imvura iri kukigereranyo cy'imvura isanzwe igwa ariko ishobora kugabanuka ikajya munsi yayo iteganyijwe mu burasirazuba bw'igihugu mu minsi isigaye ya Gicurasi. Biteganyijwe ko imvura izagabanuka mu mpera z'ukwezi arinabwo icika ry'imvura y'igihembwe riteganyijwe ahenshi mu gihugu. Imvura iteganyijwe ikazaturuka k'umwuka uhehereye uzava mu nyanja y'Abahinde hamwe n'isangano ry'imiyaga riri mu karere u Rwanda ruherereyemo rigenda ryerekeza mu majyaruguru y'Isi, bikazongererwa imbaraga n'ubuhehere bw'umwuka buturuka mu misozi miremire, amashyamba n'ibiyaga byo mu gihugu.

**Dore uko imvura iteganyijwe mu bice bitandukanye by'igihugu:**

**Imvura iri hagati ya milimetero 40 na 60** iteganyijwe mu bice by'uburasirazuba ndetse no hagati mu turere twa Nyagatare, Gatsibo, Kayonza, Kirehe na Bugesera.

**Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80** iteganyijwe mu bice bisigaye by'uturere twa Kirehe na Bugesera, mu majyepfo y'uturere twa Ngoma, Nyarugenge, Kicukiro na Gicumbi, mu burasirazuba bw'akarere ka Gasabo, mu majyaruguru n'amajyepfo by'akarere ka Rwamagana, mu burengerazuba bw'akarere ka Gatsibo, mu duce duherereye mu majyepfo y'akarere ka Kayonza no mu burengerazuba bw'akarere ka Nyagatare.

**Imvura iri hagati ya milimetero 80 na 100** iteganyijwe mu turere twa Kamonyi na Gisagara, mu burasirazuba no hagati mu turere twa Huye, Nyanza na Ruhango, mu burasirazuba bw'uturere twa Nyaruguru na Muhanga, mu majyepfo y'uturere twa Rulindo na Kayonza, mu burengerazuba bw'uturere twa Gasabo na Nyagatare, hagati mu turere twa Rwamagana na Gicumbi no mu majyaruguru y'uturere twa Ngoma, Nyarugenge na Kicukiro.

**Imvura iri hagati ya milimetero 100 na 120** iteganyijwe mu majyaruguru y'iburasirazuba bw'akarere ka Gicumbi, ibice byo hagati mu turere twa Rulindo na Nyaruguru, mu majyepfo y'uturere twa Gakenke na Rusizi, mu majyaruguru no mu burengerazuba by'akarere ka Muhanga, mu burengerazuba bw'uturere twa Ruhango, Nyanza na Huye no mu burasirazuba bw'uturere twa Ngororero, Karongi na Nyamagabe.

**Imvura iri hagati ya milimetero 120 na 140** iteganyijwe gice kinini cy'uturere twa Nyamasheke, Musanze na Burera, hagati no mu burengerazuba by'akarere ka Rusizi, mu burasirazuba bw'akarere ka Nyabihu, hagati no mu majyepfo y'akarere ka Ngororero, mu majyepfo y'akarere ka Rutsiro, mu gice kinini gisigaye cy'uturere twa Nyaruguru na Nyamagabe n'ahasigaye hose mu turere twa Gicumbi, Gakenke, Rulindo na Karongi.

**Imvura iri hagati ya milimetero 140 na 160** iteganyijwe mu karere ka Rubavu, n'ahandi hasigaye hose mu terere twa Nyabihu, Ngororero, Rutsiro, Nyamasheke, Rusizi, Nyamagabe, Nyaruguru, Musanze na Burera.

Ku bisobanuro birambuye, mwakwifashisha ikarita iri hasi.


Iteganyagihe ry'Ukwezi kwa Gicurasi 2021
N
W
E
S
Nyagatare
Burera
Musanze
Gicumbi
Gatsibo
Rubavu
Nyabihu
Gakenke
Rulindo
Kayonza
Rutsiro
Ngororero
Gasabo
Muhanga
Kamonyi
Nyarugenge
Kicukiro
Rwamagana
Karongi
Ruhango
Ngoma
Bugesera
Kirehe
Nyanza
Nyamasheke
Nyamagabe
Huye
Rusizi
Gisagara
Nyaruguru
0
50
100
200 Km
Imvura (mm)
40 - 60
60 - 80
80 - 100
100 - 120
120 - 140
140 - 160
Kivu